RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

PUBLIC

Our Ref: 881/RRA/CSD/CSD/CSD/2026

Date: 05-Aug-2026

Your Ref: ......................

## ITANGAZO

### Ubusabe bwo gukurirwaho amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), Serivisi za Gasutamo, kiramenyesha abanyenganda bose bifuza gusaba gukurirwa amahoro ya gasutamo ku bikoresho fatizo, mu gihembwe cya kabiri (1 Ukwakira 2026 – 30 Kamena 2027) cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2026/2027, ko igihe ntarengwa cyo kohereza ubusabe ari ku wa 31 Kanama 2026. Ubusabe bunyuzwa kuri https://drs.eac.int.

Hashingiwe ku ngingo ya 140 y'Itegeko rigenga za gasutamo mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ryo mu 2004 (EAC CMA 2004), no kuba inama y'Abaminisitiri bo muri uwo muryango, binyuze mu igazeti ishobora kugena buri gihe ikurwaho ry'amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo (raw materials) bitumijwe mu mahanga bigamije gukoreshwa mu nganda z'imbere mu gihugu,

Ibisabwa bikurikira bigomba kuba byuzuye:

1. Kwandikira Komiseri wa za gasutamo ukoresheje Ifishi R1;
2. Gutanga production formula;
3. Gutanga icyemezo cy'amakuru yuzuye cy'iyandikisha rya Sosiyete mu gihugu cyatanzwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere mu Rwanda (RDB) kigaragaza icyo sosiyete igiye gukora (activity or sector of manufacturing);
4. Gutanga icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro (Tax Clearance Certificate);
5. Gutanga icyemezo kigaragaza ko usaba akoresha EBM igezweho;
6. Usaba yari asanzwe ahabwa ubusonerwe ku bikoresho fatizo agomba gutanga ingano y'ibikoresho fatizo bisigaye mu bubiko n'ibicuruzwa (finished goods) bitaragurishwa mu gihe cyo gutanga ubusabe;
7. Uzakora ibicuruzwa by'ingeri zitandukanye, agomba gutegura no gutanga ibikoresho fatizo byihariye kuri buri bwoko bw'igicuruzwa;
8. Usaba agomba kuba afite imashini zikenewe zamaze gushyirwa mu ruganda ziteguye gukoreshwa.

**Icyitonderwa:**

- Ubusabe buzoherezwa butashyizweho ibisabwa byose ntibuzahabwa agaciro;
- Usaba agomba kuba nta birarane by'imisoro abereyemo Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, cyangwa ubusabe bwabo butarigeze buteshwa agaciro kubera amakosa;
- Ikibazo cyose kirebana n'ubu busabe kigomba gutangwa mu minsi 15 mbere y'uko igihembwe gitangira.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara Serivisi za gasutamo kuri 0788185676.

Kabera Sam
Komiseri wa za Gasutamo

RWANDA REVENUE AUTHORITY * CUSTOMS SERVICES DEPARTMENT RRA

HERE FOR YOU TO SERVE